ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Komite Nyobozi y'Ishyaka PSR (*The National Executive Committee of PSR-NEC)* yifatanyije n'Abanyarwanda kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'i 1994.

Mu gihe twibuka ku nshuro ya 31 Jenosode yakorewe Abatutsi, Ishyaka PSR ribabajwe n'uko mu Rwanda, mu Karere k'Ibiyaga Bigari ruheremo no ku isi hakigaragara ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo; hagaragara kandi ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'i 1994.

Mu masezerano Mpuzamahanga yerekeye gukumira no guhana icyaha cya Jenoside (*UN Convention on the Prevention and Punishment of the Crime of Genocide*) yo ku wa 9 Ukuboza 1948, ingingo ya mbere ivuga ko Ibihugu byose bigomba gukurikirana ukekwaho icyaha cya Jenoside.

Ibi bishingira ku mategeko mpuzamahanga yemejwe atagira irengayobora kandi adakenera ko yemezwa n'amasezerano mpuzamahanga*(jus cogens)*. Ikindi kandi ibyo bihugu byirengagiza ihame rya *aut dedere, aut judicare* rivuga ko niba batabashije kuburanisha ukekwaho icyaha, kimwohereza aho yakoreye icyaha kugira ngo agikurikiranweho.

Kwanga guhana uwakoze Jenoside yakorewe Abatutsi watorotse ubutabera bw'u Rwanda ni ukutubahariza inshingano za buri gihugu mu rwego mpuzamahanga.

Mu biguhu bimwe na bimwe ku isi abakekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'i 1994 baracyidegembya, bagakingirwa ikibaba aho kubafata ngo bashyikirizwe inkiko baburanishwe cyane cyane ko hari inyandiko nyinshi u Rwanda rwohereje ibyo bihugu babisaba kubakurikira bakaburanishwa cyangwa bakabohereza u Rwanda ariko izo nyandiko ntibizihe agaciro.

By'umwihariko, mu gihugu cy' Uburundi, muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo no mu Bubuligi hakomeje gukaragaragara politiki z'u rwango, ivangura n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Ibi bihugu bikomeje gukingira ikibaba abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'i 1994 bikinashyigikira Umutwe wa FDLR, ugizwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe

PSR Headquater: Shaji Sebastian House, Opposite to Banque Populaire Kimironko, Kigali
Tel: 0788611549 E-mail: ishyakapsr@gmail.com Website : www.psr-rwanda.org

Abatutsi, ufite umugambi wo kurimbura Abanye-Congo bavuga Ikinyarwanda no gukomeza umugambi wo kurimbura burundu Abatutsi mu Rwanda.

Ishyaka PSR rishigikiye icyifuzo cya << Ibuka>>

Politiki y'irondabwoko n'ivangura yazanywe mu Rwanda n'ubuyobozi bw'abakoloni b'Ababiligi yakwirakwijwe no mu Burasirazuba bwa Congo aho Abakongomani b'Abatutsi bakomeje kwicwa bazira uko baremwe.

Ishyaka PSR riramagana ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'i 1994 rigenda risakara mu Karere k'Ibiyaga Bigari ari nako rigira ingaruka ku ubuzima bw'Abaturage batuye Akarere;

Ishyaka PSR riramagana leta y'Uburundi, n'iya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo n'iy'Ububiligi zishyigikiye Umutwe wa FDLR w'iterabwoba ahubwo ko bikwiye gukurikirana abagize uwo mutwe bagashyikirizwa ubutabera.

Ishyaka PSR rishyigikiye icyifuzo cy'ubuyobozi bwa <<Ibuka>> bwo kurega ibi bihugu mu nkiko mpuzamahanga kuko uyu mutwe wemejwe ko ari umutwe w'iteramboba ukwiye kurandurwa aho gushyigikirwa.

Ishyaka PSR rirasaba Abanyarwanda gukomeza kunga ubumwe kuko aribwo buryo bwo kurandura ingenga bitekerezo ya Jenoside bukaba n'Umusingi w'Iterambere rusange rirambye kandi ridaheza.

Bikorewe i Kigali, tariki 09 Mata 2025

Mu izina rya Komite Nyobozi y'Ishyaka PSR,

Jean-Baptiste Rucibigango

Umuyobozi mukuru w'Ishyaka

PSR Headquater: Shaji Sebastian House, Opposite to Banque Populaire Kimironko, Kigali
Tel: 0788611549 E-mail: ishyakapsr@gmail.com Website : www.psr-rwanda.org